RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2024 Tariki 25 Mata -01 Gicurasi




P.1 Football : Police FC na Rayon Sports zegukanye igikombe cy’Amahoro

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football :** Police FC na Rayon Sports zegukanye igikombe cy'Amahoro

P1 **Baskeball :** u Rwanda ruzakira imikino ibanziriza iyo gushaka itike y'igikombe cy'Isi 2026

P2 **Volleyball :** Habaye imikino ya shampiyona

P3 **Football :** Habaye imikino y'umunsi wa 28 ya shampiyona

P3 **Rugby :** Habaye imikino ya shampiyona y'umunsi wa 4

P4 **Cricket :** Ikipe y'u Rwanda yegukanye irushanwa mpuzamahanga muri Botswana

P4 **Cycling :** Manizabayo na Mwamikazi begukanye isiganwa ryo Kwibuka

P5 **Handball :** Habaye imikino ya shampiyona

P6 **Kung Fu Wushu :** u Rwanda rwitabiriye irushanwa mpuzamahanga mu Bushinwa

P6 **Para-Athletics :** Musanze na Rwamagana zegukanye shampiyona y'igihugu

P7 **ARPST :** Hasoje irushanwa ry'umunsi w'Umurimo

P7 **Wheelchair Basketball :** Eagles na Gasabo zegukanye igikombe cya shampiyona

P8 Habaye igikorwa cyo gushishikariza abakobwa kwitabira ibikorwa bya siporo

P9 **Cricket :** u Rwanda rwakiriye inama ya ICC Africa

P9 **Table Tennis :** Ikipe y'u Rwanda yegukanye umudali w'Umulinga mu mikino y'Akarere

P10 **Football :** Habaye amahugura ku buryo bwo kubaho kinyamwuga ku makipe y'abagore

P10 **Taekwondo :** Dream Fighters na Dream TC zegukanye shampiyona y'igihugu

P11 **Table Tennis :** Ikipe y'u Rwanda yegukanye umudali w'Umulinga mu mikino y'Akarere

1

## **Football :** Police FC na Rayon Sports zegukanye igikombe cy'Amahoro

Tariki 30 Mata na 01 Gicurasi 2024 ni bwo habaye imikino ya nyuma y'igikombe cy'Amahoro mu mpira w'amaguru "Peace Cup 2024".

Mu bagabo, ikipe ya Police FC yitwaye neza yegukana igikombe itsinze Bugesera FC ibitego 2-1 naho ikipe ya Rayon Sports yegukana umwanya wa 3 itsinze Gasogi United igitego 1-0.

Mu bagore, ikipe ya Rayon Sports yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Indahangarwa FC ibitego 4-0 naho ikipe ya AS Kigali yegukanye umwanya wa 3 itsinze Fatima FC ibitego 4-1.










## **Baskeball :** u Rwanda ruzakira imikino ibanziriza iyo gushaka itike y'igikombe cy'Isi 2026

Tariki 25 Mata 2024, mu Mujyi wa Mies mu Busuwisi habareye umuhango wo gutombora uko amakipe azahura mu mikino ibanziriza iyo gushaka itike y'igikombe cy'Isi muri Basketball mu bagore "2026 FIBA Women's Basketball World Cup Pre-Qualifying Tournaments".

Iri rushanwa rizaba tariki 19 kugeza 25 Kanama 2024 rizakinwa n'amakipe 16 aho rizabera mu bihugu biri ari byo u Rwanda na Mexico.

Mu Rwanda hazahurira amakipe 8 aho yagabanyijwe mu matsinda abiri. Itsinda C rigizwe na Brazil, Hungary, Senegal na Philippines naho itsinda D rigizwe n' u Rwanda, Great Britain, Argentina na Lebanon. Imikino izabera muri BK Arena.

Muri Mexico naho hazaba hari amakipe 8 azaba ari mu matsinda abiri, itsinda A rigizwe na South Korea, Mali, Czech Republic na Venezuela naho itsinda B rigizwe na Mexico, Montenegro, New Zealand na Mozambique.

Biteganyijwe amakipe azakina imikino yo mu matsinda hagati yayo, amakipe abiri ya mbere akomeza muri ½, ayitwaye neza akine umukino wa nyuma wo gutanira umwanya wa mbere uzanatanga itike yo kwitabira imikino yo gushaka itike y'imikino y'igikombe cy'Isi 2026.

Imikino y'igikombe cy'Isi "FIBA Women's Basketball World Cup 2026" izabera mu Budage.






# Volleyball : Hakinwe imikino ya shampiyona

Tariki 27, 28 Mata na 01 Gicurasi 2024 mu Mujyi wa Kigali habereye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mukino wa Volleyball mu bagabo.



**Uko imikino yagenze**

**Tariki 27-04-2024**

- IPRC Ngoma **3-0** KVC (25-16, 26-24, 25-21)
- IPRC Musanze **0-3** Kepler VC (16-25, 17-25, 15-25)
- Kirehe VC **0-3** REG VC (21-25, 19-25, 10-25)
- APR VC **3-0** EAU VC (25-22, 25-23, 25-17)

**Tariki 28-04-2024**

- KVC 0-3 Police VC (16-25, 14-25, 16-25)
- Gisagara VC 3-0 Kirehe VC (25-18, 25-22, 25-21)
- EAU VC 3-1 IPRC Musanze (25-22, 25-23, 17-25, 25-16)



**Tariki 01-05-2024**

- IPRC Ngoma 0-3 APR VC (17-25, 28-30 & 20-25)
- Kepler VC 3-2 Gisagara VC (23-25, 22-25, 25-22, 25-20 , 15-09)
- Police VC 3-1 REG VC (25-20, 18-25, 26-24 ,25-20)

**01.05.2024 RWANDA NATIONAL LEAGUE SERIE A TEAMS' RANKING**

**MEN CATEGORY**

| RK | TEAMS | POINTS | MATCHES | | | RESULTS DETAILS (SETS) | | | | | | SETS RATIO | POINTS RATIO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | W | L | T | 3-0 | 3.-1. | 3.-2. | 0-3 | 1.-3. | 2.-3. | | |
| 1 | KEP | 40 | 14 | 3 | 17 | 10 | 1 | 3 | 1 | 1 | 1 | 45/16=2.81 | 1455/1269=1.14 |
| 2 | PVC | 39 | 12 | 4 | 16 | 8 | 4 | 0 | 1 | 0 | 3 | 42/16=2.62 | 1349/1036=1.302 |
| 3 | REG | 38 | 13 | 3 | 16 | .10. | 2 | 1 | 2 | 1 | 0 | 40/13=3.07 | 1269/1006=1.26 |
| 4 | APR | 37 | 13 | 3 | 16 | 9 | 1 | 3 | 2 | 0 | 1 | 41/16=2.56 | 1329/1139=1.166 |
| 5 | GVC | 32 | 10 | 6 | 16 | 8 | 2 | 0 | 2 | 2 | .2. | 36/20=1.8 | 1240/1154=1.07 |
| 6 | IPN | 23 | 8 | 8 | 16 | 4 | 3 | 1 | 7 | 1 | 0 | 25/26=0.961 | 1174/1242=0.94 |
| 7 | EAU | 12 | 4 | 13 | 17 | 3 | 1 | 0 | 10 | 3 | 0 | 15/40=0.37 | 1159/1332=0.870 |
| 8 | KRH | 10 | 3 | 13 | 16 | 0 | 3 | 0 | 10 | 2 | 1 | 13/42=0.30 | 1050/1319=0.796 |
| 9 | KVC | 9 | 3 | 13 | 16 | 1 | 1 | 1 | 9 | 3 | 1 | 14/40=0.35 | 1109/1347=0.823 |
| 10 | IPM | 3 | 1 | 15 | 16 | 0 | 0 | 1 | 10 | 4 | 1 | 9/43=0.20 | 1050/1371=0.765 |











## **Football :** Habaye imikino y'umunsi wa 28 ya shampiyona

Tariki 25 kugeza 28 Mata 2024 habaye imikino y'umunsi wa 28 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Imikino y'umunsi wa 29 iteganyijwe tariki 02 kugeza 05 Gicurasi 2024.

**Uko imikino yagenze**






PRIMUS NATIONAL LEAGUE

TABLE
DAY 28

| POS | CLUB | PG | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 28 | 28 | 64 |
| 2 | RAYON SPORTS | 28 | 16 | 54 |
| 3 | MUSANZE FC | 28 | 10 | 50 |
| 4 | MUKURA VS | 28 | 7 | 44 |
| 5 | AS KIGALI | 28 | 2 | 42 |
| 6 | POLICE FC | 28 | 3 | 39 |
| 7 | KIYOVU SPORTS | 28 | 2 | 38 |
| 8 | AMAGAJU FC | 28 | -2 | 35 |
| 9 | GASOGI UNITED | 28 | -3 | 33 |
| 10 | GORILLA FC | 28 | -6 | 32 |
| 11 | ETINCELLES FC | 28 | -7 | 32 |
| 12 | MUHAZI FC | 28 | -7 | 32 |
| 13 | MARINES FC | 28 | -9 | 32 |
| 14 | SUNRISE FC | 28 | -16 | 29 |
| 15 | BUGESERA FC | 28 | -1 | 28 |
| 16 | ETOILE DE L'EST | 28 | -17 | 28 |



## **Rugby :** Habaye imikino ya shampiyona y'umunsi wa 4

Tariki 27 Mata 2024 habaye imikino y'umunsi wa 4 ya shampiyona ya Rugby muri uyu mwaka wa 2024.

**Uko imikino yagenze**

**Tariki 27 Mata 2024**

- Kamonyi Pumas **12-14** Burera Tigers
- Lions de Fer **145-10** Rwamagana Hippos.

**Uko amakipe ahagaze**

- **Itsinda A**

**1.** Lions de Fer (15)
**2.** Kigali Sharks (10)
**3.** Kamonyi Pumas (5)
**4.** Burera Tigers (4)
**5.** Rwamagana Hippos (1)

- **Itsinda B**

**1.** Resilience (08)
**2.** Gitisi TSS (05)
**3.** UR Grizzlies (02)






## **Cricket :** Ikipe y'u Rwanda yegukanye irushanwa mpuzamahanga muri Botswana

Tariki 22 kugeza 26 Mata 2024, i Gaborone muri Botswana haberereye irushanwa mpuzamahanga mu mukino wa Cricket mu bagore "BCA Kalahari Womens T20 International Tournament 2024" aho ryegukanwe n'ikipe y'u Rwanda.

Irushanwa ryari ryitabiriwe n'ibihugu 4 ari byo Botswana, Lesotho, Mozambique n'u Rwanda. Aya makipe yakinnye hagati yayo aho buri kipe yakinnye n'indi umukino ubanza n'uwo kwishyura hanyuma ikipe y'u Rwanda yitwara neza itsinda imikino yayo yose.

Iyi kipe y'u Rwanda yitwaye neza ku mukino wa nyuma itsinda Botswana naho ikipe ya Mozambique yegukana umwanya wa 3 itsinze Lesotho.








## **Cycling :** Manizabayo na Mwamikazi begukanye isiganwa ryo Kwibuka

Tariki 28 Mata 2024 habaye isiganwa ry'umukino w'amagare u rwego rwo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Race to Remember 2024".

Manizabayo Eric ukinira ikipe ya Benediction mu bagabo na Mwamikazi Djazila mu bagore ni bo begukanye iri siganwa.

Abasiganwa bakoresheje inzira ya Canal Olympia-Nemba-Canal Olympia (113 km) mu bagabo naho mu bagore ndetse n'icyiciro cy'abatarabigize umwuga bakoresha inzira ya Canal Olympia-Nyamata-Canal Olympia (71,8 km).

Abitabiriye iri siganwa basanga 150 banasuye Urwibutso rwa Jenoside i Nyanza ya Kicukiro.

**Uko isiganwa ryagenze**

**Men Elite (113 km)**
1. Manizabayo Eric 2h39'40"
**2.** Awet Aman 2h39'41"
**3.** Byukusenge Patrick 2h39'41"

**Men U-23 (113 km)**
1. Awet Aman 2h39'41"
**2.** Tuyizere Etienne 2h40'15"
**3.** Ngendahayo Jermie 2h40'16"

**Men Juniors (113 km)**
**1.** Twagirayezu Didier 3h05'03"
**2.** Ntirenganya Moses 3h09'09"
**3.** Juliano Ndriamanampy 3h09'09"

**Women Juniors (71,8 km)**
**1.** Iragena Charlotte 1h54'21"
**2.**Uwiringiyimana Liliane 2h00'13"
**3.** Umutoni Sandrine 2h02'39"

**Women Elite & U-23 (71,8 km)**
**1.** Mwamikazi Jazilla 1h47'23"
**2.** Mukashema Josiane 1h48'18"
**3.** Ntakirutimana Martha 1h49'12"






# **Handball :** Habaye imikino ya shampiyona

Tariki 27 na 28 Mata 2024, habaye imikino ya shampiyona muri Handball "Handball National League 2024", mu cyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore ndetse n'imikino y'icyiciro cya kabiri mu bagabo.



**Uko imikino yagenze**
**Icyciro cya mbere**
**Mu bagabo**
**Tariki 27-04-2024**

- ADEGI **36-26** UR Rukara
- Nyakabanda **0-20** ADEGI
- UR Rukara **20-0** Nyakabanda
- ES Kigoma **26-41** Gicumbi HBT
- APR HBC **31-22** Gicumbi HBT
- APR HBC **37-23** ES Kigoma
- Gorillas **34-30** UR HUYE
- Police HBC **38-11** UR HUYE
- Police HBC **53-15** Gorillas

**Tariki 28-04-2024**

- Gorillas **33-25** ES Kigoma
- ADEGI **28-21** Gorillas
- ES Kigoma **28-21** ADEGI
- Police HBC **54-10** Nyakabanda
- APR HBC **42-8** Nyakabanda
- Police HBC **26 -17** APR HBC
- UR Rukara **20-35** Gicumbi HBT
- UR Rukara **20-26** UR Huye
- UR Huye **21-25** Gicumbi HBT

**Mu bagore**
**Tariki 27-04-2024**

- ES Kiziguro **31-20** Falcons
- ES Nyamagabe **26-11** UR Rukara
- ES Nyamagabe **27-11** UoK
- UR Rukara **16-15** UR HUYE

**Tariki 28-04-2024**

- ES Kiziguro **39-22** UoK
- UR Rukara **17-28** ISF Nyamasheke
- Falcons **17-25** ES Nyamagabe
- ISF Nyamasheke **30-23** TTC De La Salle
- ES Kiziguro **34 -29** ES Nyamagabe
- UR Huye **13-14** TTC De La Salle
- UR Huye **18-34** Falcons

**Icyiciro cya kabiri**
**Mu bagabo**
**Tariki 27-04-2024**

- Rambura **20-15** Mutenderi
- Musanze **21-26** TTC Rubengera
- TTC Rubengera **23-18** Mutenderi
- Rambura **16-20** Musanze

## 2024 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE

1ST DIVISION || TABLE

| # | CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | POLICE HC | 8 | 8 | 0 | 0 | 343 | 128 | 215 | 24 |
| 2 | APR HC | 8 | 7 | 0 | 1 | 273 | 145 | 128 | 22 |
| 3 | GICUMBI HT | 8 | 6 | 0 | 2 | 249 | 210 | 39 | 20 |
| 4 | ES KIGOMA | 8 | 4 | 0 | 4 | 207 | 238 | -31 | 16 |
| 5 | ADEGI | 8 | 3 | 0 | 5 | 193 | 215 | -22 | 14 |
| 6 | UR HUYE | 8 | 3 | 0 | 5 | 204 | 250 | -46 | 14 |
| 7 | GORILLAS HC | 8 | 3 | 0 | 5 | 214 | 264 | -50 | 14 |
| 8 | UR RUKARA | 8 | 1 | 0 | 7 | 159 | 248 | -89 | 10 |
| 9 | NYAKABANDA HC | 8 | 1 | 0 | 7 | 118 | 262 | -144 | 10 |

## 2024 WOMEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE

1ST DIVISION || TABLE

| # | CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | FALCONS | 7 | 5 | 0 | 2 | 187 | 142 | 45 | 17 |
| 2 | ESC NYAMAGABE | 6 | 5 | 0 | 1 | 167 | 100 | 67 | 16 |
| 3 | KIZIGURO SS | 5 | 5 | 0 | 0 | 163 | 119 | 44 | 15 |
| 4 | ISF NYAMASHEKE | 6 | 3 | 0 | 3 | 161 | 137 | 24 | 12 |
| 5 | UR RUKARA | 5 | 2 | 0 | 3 | 89 | 112 | -23 | 9 |
| 6 | UOK | 5 | 1 | 0 | 4 | 87 | 138 | -51 | 7 |
| 7 | TTC DE LA SALE | 4 | 1 | 0 | 3 | 72 | 95 | -23 | 6 |
| 8 | UR HUYE | 6 | 0 | 0 | 6 | 68 | 151 | -83 | 6 |

## 2024 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE || 2ND DIVISION

TABLE

| # | CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | TTC RUBENGERA | 4 | 4 | 0 | 0 | 93 | 80 | 13 | 12 |
| 2 | MUSANZE ACADEMY | 3 | 2 | 0 | 1 | 61 | 42 | 19 | 7 |
| 3 | GS RAMBURA | 4 | 1 | 0 | 3 | 75 | 82 | -7 | 6 |
| 4 | GSFAK | 2 | 1 | 0 | 1 | 54 | 50 | 4 | 4 |
| 5 | MUTENDERI TSS | 3 | 0 | 0 | 3 | 34 | 63 | -29 | 3 |

## Kung Fu Wushu : u Rwanda rwitabiriye irushanwa mpuzamahanga mu Bushinwa

Tariki 21 kugeza 26 Mata 2024, mu mujyi wa Jiangyin mu Ntara ya Jiangsu mu Bushinwa habereye irushanwa mpuzamahanga mu mukino njyarugamba wa Kung Fu Wushu "International Wushu invitational Tournament 2024".

Iri rushanwa ryitabiriwe n'abakinnyi babiri b'u Rwanda ari bo Mutuyimana Emmanuel na Iragena Stiven aho bahatanye mu bijyanye no kwiyereka "Taolu" mu bwoko bwa "Nanquan" na "Changquan". Aba bakinnyi bari kumwe n'umutoza Simparikubwabo Godfrey.

Iri tsinda rikaba ryari riyobowe na Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wa Kung Fu Wushu mu Rwanda "RKWF", Uwiragiye Marc.








## Para-Athletics : Musanze na Rwamagana zegukanye shampiyona y'igihugu

Tariki 29 Mata 2024, kuri Sitade ya Bugesera hasorejwe shampiyona y'igihugu y'imikino ngororamubiri mu cyiciro cy'abantu bafite ubumuga "Rwanda Para-Athletics Championship 2023-2024".

Muri iyi mikino abakinnyi bahatanye gutera intosho "Shot put", gutera ingasire "Discus", gutera umuhunda "Javelin" no gusiganwa ku maguru.

Ikipe ya Musanze mu bagabo na Rwamagana mu bagore ni zo zitwaye neza zegukana igikombe cya shampiyona y'igihugu.

Muri rusange, Musanze yegukanye imidali myinshi (18), irimo 10 ya Zahabu, 6 ya Feza na 2 y'Umulinga.

**Uko amakipe yakurikiranye**

**Mu bagabo**

1. Musanze
2. Nyabihu
3. Gasabo
4. Huye
5. Rwamagana
6. Kirehe
7. Nyagatare
8. Bugesera

**Mu bagore**

1. Rwamagana
2. Musanze
3. Gasabo
4. Nyagatare
5. Ngoma
6. Kayonza








## **ARPST :** Hasoje irushanwa ry'umunsi w'Umurimo

Tariki 01 Gicurasi 2024 ni bwo hasojwe irushanwa ry'umunsi w'Umurimo ryari ryateguwe n'ishyiramwe ry'imikino y'abakozi mu Rwanda "ARPST".

Mu mupira w'amaguru "Categorie A", ikipe ya Immigration yegukanye igikombe itsinze RBC igitego 1-0. Muri "Categorie B", ikipe ya RMB yegukanye igikombe itsinze RTDA ibitego 2-1.

Mu cyiciro cy'ibigo byigenga, BK ni yo yegukanye igikombe itsinze Ubumwe Grande Hotel.

Mu mukino wa Basketball mu bagabo n'abagore , ikipe ya REG ni yo yegukanye igikombe.

Muri Volleyball, mu bagabo igikombe cyatwawe na Immigration naho mu bagore gitwarwa na MoD.

Uretse iyi mikino y'amakipe habaye n'imikino y'abantu ku giti cyabo harimo imikino Ngororamubiri, igisoro, Table Tennis, Swimming, Billard na Tennis.







## **Wheelchair Basketball :** Eagles na Gasabo zegukanye igikombe cya shampiyona

Tariki 28 Mata 2024, ku kibuga cya STECOL Corporation i Masoro habereye imikino ya nyuma ya shampiyona ya Basketball y'abafite ubumuga "Rwanda National Wheelchair Basketball League 2024". Ikipe ya Eagles mu bagabo na Gasabo mu bagore ni zo zegukanye igikombe.

**Uko imikino yagenze**
**Mu gababo**

**Umukino wa nyuma**
- Eagles **28-21** Kicukiro

**Umwanya wa 3**
- Musanze **30-26** Indangamirwa

**Mu bagore**
**Umukino wa nyuma**
- Gasabo **10-8** Kicukiro







# Habaye igikorwa cyo gushishikariza abakobwa kwitabira ibikorwa bya siporo

Tariki 28 Mata 2024 muri Lycee de Kigali mu Rugunga habereye igikorwa cy'ubukangurambaga bwo gushishikariza abana b'abakobwa kwitabira ibikorwa bya siporo kugira ngo bagere ku nzozi zabo. Iyi gahunda ikaba yari yateguwe na Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS" ku bufatanye n'Ikigo cy'Abafaransa cy'Iterambere "AFD" binyuze muri gahunda "Isonga Program".


Muri iki gikorwa abana b'abakobwa 600 bari bitabiriye bahawe ubuhamya na bamwe mu bakinnyi bakomeye mu cyiciro cy'abagore barimo Mukobwankawe Liliane usanzwe ari Kapiteni w'ikipe y'igihugu ya Sitting Volleyball, Tetero Odile ukinira ikipe y'igihugu ya Baskeball ndetse na Kalimpinya Queen ukina umukino wo gusiganwa mu modoka.

Hanabaye kandi irushanwa rya Basketball aho ikipe ya ADEGI yegukanye igikombe ikurikirwa na ENDP Karubanda, Lycée de Kigali na Lycée Notre-Dame de Cîteaux isoreza ku mwanya wa 3.



















## **Cricket :** u Rwanda rwakiriye inama ya ICC Africa

Tariki 26 na 27 Mata 2024 muri Hoteli Ubumwe Grand habereye inama mpuzamaha y'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket muri Afurika "ICC Africa Regional Conference 2024".

Iyi nama ikaba yari yitabiriwe n'ibihugu 20 ari byo Cameroun, Cote d'ivoire, Eswatini, Ghana, Kenya, Lesotho, Mali, Malawi, Mozambique, Namibia, Nigeria, Seychelles, Sierra Leone, South Africa, St Helena, Tanzania, Botswana, Uganda, Zimbabwe n'u Rwanda.









## **Table Tennis :** Ikipe y'u Rwanda yegukanye umudali w'Umulinga mu mikino y'Akarere

Tariki 22 kugeza 25 Mata 2024, i Kampala muri Uganda habereye irushanwa mpuzamahanga mu mukino wa Table Tennis "Eastern Regional Senior Championship 2024".

Muri iri rushwanwa u Rwanda rwari rwahagarariwe n'abakinnyi 9 barimo 5 mu cyiciro cy'abagabo na 4 mu cyiciro cy'abagore.

Ikipe y'u Rwanda mu bagore yitwaye neza yegukana umudali w'Umulinga naho ikipe y'u Rwanda mu bagabo isoreza ku mwanya wa 5.

Aba bakinnyi bakaba bagomba gukomeza imyiteguro y'imikino y'Afurika yo gushaka itike y'imikino Olempike "2024 Africa Cup and Olympic Games Qualifiers" izabera mu Rwanda muri BK Arena kuva tariki 12 kugeza 18 Gicurasi 2024.







## **Football :** Habaye amahugura ku buryo bwo kubaho kinyamwuga ku makipe y'abagore

Tariki 29 na 30 Mata 2024, muri Hotel Sainte Famille habereye amahugurwa agamije kwerekana uburyo amakipe y'icyiciro cy'abagore agomba kubaho mu buryo bwa kinyamwuga hakurikijwe amabwiriza mashya y'ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru ku Isi "FIFA Women Club Licensing".

Aya mahugurwa yari yateguwe n'ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda "FERWAFA" yitabiriwe n'amakipe yo mu cyiciro cya mbere no mu cyiciro cya kabiri akaba yaratanzwe n'impuguke za FIFA.









## **Taekwondo :** Dream Fighters na Dream TC zegukanye shampiyona y'igihugu

Tariki 27 na 28 Mata 2024 muri Hilltop Hotel i Remera mu Mujyi wa Kigali habereye shampiyona y'igihugu mu mukino wa Taekwondo mu bana, ingimbi n'abangavu mu kurwana na kwiyereka "Cadets and Juniors National Kyorugi and Poomsae Championhsips 2024".

Ikipe ya Dream Fighters TC mu kwiyereka "Poomsae" na Dream TC mu kurwana "Kyorugi" ni zo zitwaye neza zegukana umwanya wa mbere.

Iri rushanwa ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Taekwondo mu Rwanda "RFT" ryari ryitabiriwe n'abakinnyi basaga 300 baturutse mu makipe 25 yo hirya hino mu gihugu.

**Uko amakipe yitwaye**
**Kwiyereka "Poomsae"**
**1.** Dream Fighters TC
**2.** Best Choice TA
**3.** The Mirror TA
**Kurwana "Kyorugi"**
**1.** Dream TC
**2.** Dream Fighters TC
**3.** Unity TC

**Abakinnyi bitwaye neza**
**Kwiyereka "Poomsae"**
**Umukobwa**
- Daniella Galimova (Best Choice TA)

**Umuhungu**
- Ngabonziza Anick Dadoua (Dream Fighters TC)

**Kurwana "Kyorugi"**
**Umukobwa**
- Irasubiza Queen Ella (Dream Fighters TC)

**Umuhungu**
- Kwizera David (Unity TC)

**Umusifuzi wahize abanda**
- Munyaneza Bazir.



# Gymnastique : U Rwanda rwakiriye shampiyona y'Afurika

Tariki 25 na 26 Mata 2024, muri BK Arena habereye shampiyona y'Afurika y'imikino ngororangingo "The 18th Africa Rhythmic Gymnastics Championship 2024".

Iyi mikino yitabiriwe n'ibihugu 12, Misiri yaje ku mwanya wa mbere aho yegukanye imidali 16 ikurikirwa na Angola (6), Afurika y'Epfo (5) na Tunisia (4). Ikipe y'u Rwanda nta mudali yabashije kwiegukana.

Iyi mikino yitabiriwe na Perezidaw'ishyirahamwe ry'imikino ngororangingo ku Isi "International Gymnastics Federation", Morinari Watanabe.



















RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave